4º le nom et l'adresse de l'exportateur ;

5º nom et adresse de l'importateur ;

6º et la mention que le destinataire est au courant .

Article 12: Bureaux de douane d'entrée

Les bureaux de douane mis en place sur le territoire national pour l'importation et l'exportation des stupéfiants et des substances psychotropes sont déterminés par le Ministre ayant la santé dans ses attributions.

Ingingo ya 13: Gutumiza no kohereza mu mahanga ibiyobyabwenge

Gutumiza no kohereza mu mahanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo byitirirwa ibigega bya gasutamo cyangwa undi muntu utari uwanditse ku ruhushya ntibyemewe.

Ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo byinjira n'ibisohoka mu gihugu bidaherekejwe n'uruhushya rwemewe kimwe n'ibinyuranyije n'urwo ruhushya bifatwa n'ababifitiye ububasha kugeza igihe bigaragariye ko byanyuze mu nzira zemewe n'amategeko cyangwa kugeza igihe inkiko zifatiye umwanzuro wo kubifatira cyangwa kubitwika.

Ingingo ya 14: Kunyuzwa mu gihugu

Inyuzwa mu gihugu ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo rirabujijwe, byaba biri cyangwa bitari mu bikoresho byagenewe kubitwaramo, keretse iyo kopi y'uruhushya rwo kubyohereza cyangwa mu mahanga kubizana yashyikirijwe serivisi za Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo.

Ukunyuranya uko ari ko kose n'uruhushya rwo kohereza ibiyobyabwenge mu mahanga cyangwa kunyuza mu gihugu bikajyanwa ahandi hatari ahagaragajwe ku ruhushya ruri ku rwometseho birabujijwe.

Article 13: Import and export of narcotic drugs

The import and export of narcotic drugs and psychotropic substances under the authority of customs offices or a person other than who appears on the authorization are prohibited.

The narcotic drugs and psychotropic substances imported and exported not accompanied by an official authorization and those not in conformity with such authorization, shall be seized by the competent authorities, until it is proved that they are in conformity with law or the competent court orders their confiscation or destruction.

Article 14: Transit

The transit on the national territory of narcotic drugs or psychotropic substances, whether or not the consignment is packaged in the appropriate transport means, shall be prohibited unless the copy of export or import authorization is presented to the relevant department of the Ministry in charge of health.

Any non compliance with export or transit authorization to a destination other than that indicated on the copy of the authorization attached to the consignment shall be prohibited.

Article 13: Importation et exportation des stupéfiants

L'importation et l'exportation des stupéfiants et des substances psychotropes pour le compte des bureaux de douane ou d'une personne autre que celui qui figure sur l'autorisation sont interdites.

Les stupéfiants et les substances psychotropes importés et exportés sans être accompagnés d'une autorisation officielle et ceux qui ne sont pas conformes à cette autorisation, sont saisis par les autorités compétentes, jusqu'à ce qu'il soit prouvé qu'ils sont en conformité avec la loi ou que la juridiction compétente ordonne leur confiscation ou destruction.

Article 14: Transit

Le passage en transit sur le territoire national des stupéfiants et des substances psychotropes, que l'envoi soit emballé ou non dans son moyen de transport approprié, est interdit à moins que la copie de l'autorisation d'exportation ou d'importation soit présentée au service du Ministère ayant la santé dans ses attributions.

Toute non conformité à l'autorisation d'exportation ou de transit vers une destination autre que celle figurant sur la copie de l'autorisation jointe à l'envoi est interdite.

Gusaba uruhushya rwo guhindura inzira cyangwa uwo byohererejwe gufatwa nk'aho ari ukujyana ibintu mu kindi gihugu kitari icyo byari bigenewe. Icyo gihe hakurikizwa ibivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 10 y'iri tegeko.

The request for an authorization to change the itinerary or the destination shall be considered as an export to a country other than the one previously planned. In such a case, provisions of paragraph One of Article 10 of this law shall be applied.

La demande d'autorisation de changement d'itinéraire ou de destinataire est considérée comme une exportation vers un pays autre que celui prévu. Dans ce cas, les dispositions de l'alinéa premier de l'article 10 de la présente loi sont appliquées.

Kohereza ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo binyujijwe mu gihugu ntibishobora kwemererwa kugira icyo bihindura ku miterere no ku byo bitwawemo bidatangiwe uruhushya na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

The export of narcotic drugs and psychotropic substances in transit on the national territory shall not be subjected to any treatment that may modify its nature and its packing without the authorization of the Minister in charge of health.

L'exportation des stupéfiants et des substances psychotropes en transit sur le territoire national ne peut être soumise à un traitement quelconque qui en modifierait la nature et son emballage sans l'autorisation du Ministre ayant la santé dans ses attributions.

Ibyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa iyo ibyoherezwa byanyujijwe mu ndege igana mu kindi gihugu mu gihe indege inyuze by'igihe gito cyangwa ihagushijwe ku mpamvu zidasanzwe. Ibyoherejwe ntibifatwa nk'aho byoherejwe biturutse mu kindi gihugu keretse iyo byapakuruwe cyangwa hari impamvu simusiga zibigena zityo.

The provisions of the paragraph One of this Article shall not apply if the consignment is transported by air to another country if the aircraft makes a stop-over or an emergency landing. The consignment shall not be treated as an export from a country unless it has been offloaded or when the circumstances require so.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne sont pas applicables si l'envoi est transporté par voie aérienne à destination d'un autre pays si l'aéronef fait escale ou un atterrissage forcé. L'envoi ne sera traité comme une exportation en provenance d'un autre pays que s'il est déchargé ou si les circonstances l'exigent.

Ibyambu n'ubundi butaka butagira uwo byitirirwa bigengwa n'aya mategeko kandi bigenzurwa kimwe n'utundi duce tw'igihugu.

The free ports and the free zone shall be subjected to the provisions of the law and to surveillance as other parts of the national territory.

Les ports francs et les zones franches sont soumis aux dispositions de la présente loi et à la même surveillance que les autres parties du territoire national.

<u>Ingingo ya 15</u>: Abikorezi b'ibicuruzwa

Abikorezi b'ibicuruzwa bafata ingamba zishoboka kugira ngo uburyo bwabo bw'ubwikorezi budakoreshwa mu bucuruzi butemewe bw'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo birebwa n'iri tegeko.

<u>Article 15</u>: Commercial transporters

The commercial transporters shall take reasonable measures to prevent their transport means to be used for illicit trafficking of narcotic drugs and psychotropic substances referred to in this law.

<u>Article 15</u>: Transporteurs commerciaux

Les transporteurs commerciaux prennent les dispositions raisonnables pour empêcher que leurs moyens de transport ne servent au trafic illicite des stupéfiants et des substances psychotropes visés par la présente loi.

Mu gihe bari gukorera mu gihugu bagomba:

1º kugaragaza mbere y'igihe lisiti y`ibyo bikoreye mu gihe cyose bishoboka;

2º gupfunyika ibyo bicuruzwa mu bifuniko byashyizweho kashi idashobora kwiganwa kandi ishobora kugenzurwa;

3º kumenyesha abayobozi mu bihe bya vuba ibyatuma ubucuruzi butemewe butahurwa.

During their operations on the national territory, they shall:

1º submit their manifests in advance, whenever possible;

2º pack the products in the containers with unfalsifiable and controllable seal;

3º inform the competent authorities, as soon as possible, all the circumstances that can allow detecting of illicit trafficking.

Pendant qu'ils opèrent sur le territoire national, ils doivent:

1º déposer les manifestes à l'avance, chaque fois que cela est possible;

2º emballer les produits dans des conteneurs placés sous scellés infalsifiables et contrôlables;

3º informer les autorités compétentes, dans les meilleurs délais, de toutes les circonstances permettant de détecter un trafic illicite.

Ingingo ya 16: Kugura

Kugura ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo bigenewe umwuga uzwi ntibishobora gukorerwa ahandi hatari mu iguriro ryigenga rifite uruhushya ruteganywa n'ingingo ya 7 y'iri tegeko cyangwa mu iguriro rya Leta ryabigenewe.

Abantu cyangwa ibigo bikurikira ni bo bashobora, bitabaye ngombwa ko basaba uruhushya, kugura no gutunga ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo bakurikije uko babikeneye mu mirimo yabo:

1º abahanga mu by'imiti bafite uruhushya rwo kudandaza imiti;

2º ibigo by'ubucuruzi cyangwa byita kuri rubanda, cyangwa byigenga bidacungwa

Article 16: Purchase

Purchase of narcotic drugs and psychotropic substances for a professional supply shall only be carried out at a private company that has got an authorization as provided in Article 7 of this law or in a public enterprise specifically designated.

The following natural persons and legal entities, shall without requesting an authorization, acquire and keep narcotic drugs and psychotropic substances depending on their professional needs:

1º pharmacists with a retail pharmacy licence;

2º business or hospital institutions, or private institutions not managed by a pharmacist, on

Article 16: Achat

L'achat des stupéfiants et des substances psychotropes pour un approvisionnement professionnel ne peut être effectué qu'auprès d'une entreprise privée titulaire de l'autorisation prévue à l'article 7 de la présente loi ou dans une entreprise publique spécialement désignée.

Seules les personnes physiques et morales suivantes peuvent, sans avoir à solliciter une autorisation, acquérir et conserver des stupéfiants et des substances psychotropes selon leurs besoins professionnels:

1º pharmaciens titulaires d'une licence de pharmacie de détail;

2º établissements commerciaux ou hospitaliers ou les établissements

n'umuhanga mu by'imiti, mu gihe muganga ufite uruhushya ushinzwe ibyo bigo yemeye gucunga ubwo bubiko;

3º abaganga n'abavuzi b'amatungo babifitiye uruhushya, mu buryo bwo guteganyiriza abakeneye kwitabwaho byihuse, bari ku rutonde rwemejwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

4º abaganga b'amenyo n'ababyaza babifitiye impamyabumenyi kandi babiherewe uruhushya;

5º abaforomo bashyizwe mu bigo nderabuzima kugira ngo babikoreshe, ibijyanye n'imikoreshereze yabyo n'igipimo cy'ibyo bemerewe gukoresha bikaba byarashyizweho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

condition that a licensed medical doctor accepts the responsibility of the store;

3º medical doctors and veterinary personnel, with a licence, for the provision for emergency care, who appear on the list approved by the Minister in charge of health;

4º qualified dentists and midwives with authorisation;

5º nurses appointed in the health centres, for their professional use, while their use and quantity were determined by the Minister in charge of health.

privés non gérés par un pharmacien, à condition qu'un médecin titulaire d'une autorisation accepte la responsabilité de ce dépôt;

3º médecins et vétérinaires titulaires d'une licence, pour la prévision des soins urgents, figurant sur la liste approuvée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions;

4º dentistes et les sages femmes diplômés et titulaires d'une autorisation;

5º infirmiers/infirmières affecté(es) dans les centres de santé, pour leur usage professionnel, alors que leur usage et leur quantité ont été fixés par le Ministre ayant la santé dans ses attributions.

Ingingo ya 17 : Abafite uburenganzira bwo kwemeza gutanga ibiyobyabwenge

Ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo ntibishobora kugira uwo byemererwa bitari mu rwego rwo kugenerwa imiti kandi bikozwe n'aba bakurikira:

1º umuganga ubifitiye uruhushya;

2º umuganga w'amenyo ubifitiye uruhushya mu rwego rwo gukora umwuga wo kuvura amenyo;

3º umuvuzi w'amatungo ubifitiye uruhushya;

4º umubyaza cyangwa umuforomo ufite impamyabumenyi kandi ufite uruhushya rwo

Article 17: People authorised to prescribe narcotic

Narcotic drugs and psychotropic substances shall be prescribed to any person unless it is a medical prescription and issued by the following people:

1º medical practitioner authorised to exercise;

2º dentist authorized to exercise dental art;

3. veterinary doctor with authorisation;

4º qualified midwife or nurse authorized to exercise the profession and within the

Article 17: Personnes autorisées à prescrire les stupéfiants

Les stupéfiants et les substances psychotropes ne peuvent être prescrits à une personne que par une ordonnance médicale établie par des personnes médicales suivantes:

1º un médecin titulaire d'une autorisation;

2º un dentiste titulaire de l'autorisation d'exercer l'art dentaire;

3º un médecin vétérinaire titulaire d'une autorisation;

4º une sage-femme ou infirmier/infirmière diplômé(e) et

kubikoresha mu murimo we kandi mu rwego rwemejwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

<u>Ingingo ya 18:</u> Gutegura no gutanga ibiyobyabwenge

Itegurwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo bitangwa n'aba bakurikira:

1º abahanga mu by'imiti babyemerewe;
2º abahanga mu by'imiti b'ibigo by'ubuvuzi bya Leta cyangwa byigenga;
3º abaforomo n'ababyaza mu gihe bakora umwuga wabo.

Itangwa iryo ari ryo ryose ry'imiti y'ibiyobyabwenge cyangwa indi miti ikoreshwa nka byo rikozwe n'ubifitiye ububasha rigomba guhita ryandikwa mu gitabo cyabugenewe nta gusiba cyangwa kugira ibindi byongerwaho.
Buri yandikwa uko rikozwe rigomba kugira nomero imwe gusa kandi ikagaragaza ibi bikurikira:

1º izina, urwego rw'akazi b**y**' ubitanze n'aho abarizwa;
2º izina ry'umurwayi n'aho abarizwa cyangwa, mu gihe ari umuvuzi w'amatungo ubigennye, amazina ya nyir'itungo;
3º itariki bitangiweho;

limits established by the Minister in charge of health.

<u>Article 18</u>: Preparation and distribution of narcotic drugs

Pharmaceutical preparations of narcotic drugs and psychotropic substances shall only be delivered by the following persons:

1º authorized pharmacists;
2º pharmacists from public or private health institutions;
3º nurses and midwifes while exercising their profession.

Any delivery of narcotic drugs and psychotropic substances shall be immediately registered on the prescription book without erasure or alteration.

The entry shall have its unique number and shall indicate the following:

1º name, address and title of the prescriber;
2º name and address of the patient, or if the prescriber is veterinary doctor, the name of the owner of the animal;
3º date of delivery;

titulaire d'une autorisation d'exercice de la profession et dans les limites établies par le Ministre ayant la santé dans ses attributions.

<u>Article 18</u>: Préparation et distribution des stupéfiants

Les préparations pharmaceutiques des stupéfiants et des substances psychotropes ne peuvent être délivrées que par les personnes suivantes:

1º pharmaciens autorisés;
2º pharmaciens des établissements sanitaires publics ou privés;
3º les infirmiers/infirmières et sages-femmes dans l'exercice de leur profession.

Toute délivrance de stupéfiants et de substances psychotropes par une personne compétente doit être immédiatement enregistrée sur l'ordonnancier, sans rature, ni surcharge.
L'enregistrement doit comporter un numéro unique et doit indiquer ce qui suit:

1º le nom, adresse et qualité du prescripteur;
2º le nom et adresse du malade, ou s'il s'agit d'une ordonnance délivrée par un médecin vétérinaire, le nom du propriétaire de l'animal;
3º la date de la délivrance;

4º imiti y'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo itanzwe cyangwa uburyo bwagenwe bwo kubitegura;
5º igipimo gitanzwe.

Mu gihe ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo yatanzwe iri mu mbonerahamwe ya II hagomba na none kwandikwa mu gitabo cyabugenewe amazina y'uwoherejwe kubigura niba atari we urwaye, niba kandi uhawe uwo woherejwe atazwi n'umuhanga mu by'imiti, ni ngombwa ko hasobanurwa ibyangombwa bimuranga kimwe n'abayobozi babitanze, hakagaragazwa nimero y'icyo cyangombwa n'itariki cyatangiweho.

Buri vugururwa ry'inyandiko ryemerera gufata ibyo biyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo rigomba na ryo kwandikwa mu gitabo cyabugenewe.

Ingingo ya 19 : Ibikwa ry'ibiyobyabwenge

Buri muntu wese cyangwa buri kigo kibitse mu rwego rw'akazi, ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo, bagomba kubibika ahantu hafungwa neza kandi hagenewe ibyo gusa.

Ingingo ya 20 : Ifunikwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo

Iyoherezwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo rigomba kwitonderwa mu buryo bwo kubitwara bukurikira:

4º denomination of narcotic drugs and psychotropic substances delivered or the formula of the preparation;
5º quantity delivered.

If narcotic drugs and psychotropic substances delivered are registered in table II, the name of prescription bearer, if the latter is not the patient, shall also be recorded in the prescription book and, if the prescription bearer is not known by the pharmacist, there shall be an indication of his/her identification document and the authority who delivered it, the number of that document and date of issue.

Every renewal of a prescription of narcotic drugs and psychotropic substances shall also be registered in the prescription book.

Article 19: Conservation of narcotic drugs

Any person or institution that professionally holds narcotic drugs and psychotropic substances shall conserve them in a well locked place which especially reserved for such substances.

Article 20: Packaging of narcotic drugs and psychotropic substances

The delivery of the narcotic drugs and psychotropic substances shall be carefully handled as regards to the following transport conditions:

4º la dénomination des stupéfiants et des substances psychotropes délivrés ou la formule de la préparation;
5º la quantité délivrée.

Si les stupéfiants et les substances psychotropes délivrés sont inscrits au tableau II, on doit en outre enregistrer sur l'ordonnancier le nom du porteur de l'ordonnance si celui-ci n'est pas le malade et, si le porteur de l'ordonnance n'est pas connu du pharmacien, il faut indiquer sa pièce d'identité et l'autorité qui l'a délivrée, le numéro de cette pièce d'identité et la date délivrance.

Tout renouvellement d'une ordonnance prescrivant des stupéfiants et des substances psychotropes doit aussi être enregistré sur l'ordonnancier.

Article 19: Conservation des stupéfiants

Toute personne ou établissement qui détient à titre professionnel des stupéfiants et substances psychotropes, est tenue de les conserver dans un endroit bien fermé et spécialement réservé à de telles substances.

Article 20: Conditionnement des stupéfiants et des substances psychotropes

L'expédition des stupéfiants et des substances psychotropes exige de la prudence en ce qui concerne les conditions de transport suivantes :

1º ibifuniko by'imbere bigizwe n'utuyungiro tubiri dutukura;
2º ibifuniko by'inyuma ntibigomba kugira ikindi bigaragaza kitari amazina y'ubyohereje n'ay'uwo byohererejwe kimwe n'imyirondoro yabo. Ubyohereje agomba gushyiraho kashi ye.

1º internal packaging contains a double red string;
2º external packaging must not contain any other indication than the address of the sender and the recipient. The send must affix its stamp.

1º conditionnements internes portent un double filet rouge;
2º conditionnements externes ne doivent comporter aucune autre indication que les noms et les adresses de l'expéditeur et du destinataire. L'expéditeur doit apposer son cachet.

Ikirango cy'uko ari ibigurishwa kigaragaza amazina y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw' imiti rubigize, uburemere bwabyo n'ijanisha ryabyo.

The label for sale shall indicate the names the narcotic drugs and psychotropic substances contained their weight and percentage.

L'étiquette de mise en vente indique nommément les stupéfiants et les substances psychotropes contenus, leur poids et leur pourcentage.

Ingingo ya 21: Iyamamazwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo

Iyamamaza iryo ariryo ryose rijyanye n'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo rirabujijwe, keretse mu itangazwa ry'ibyagezweho mu bushakashatsi bigenewe abashakashatsi, ubushakashatsi cyangwa abakora mu by'ubuvuzi.

Itangwa mu buryo bwo kwamamaza ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo rirabujijwe.

Article 21: Advertisement of narcotic drugs and psychotropic substances

Any advertisement of narcotic drugs and psychotropic substances shall be prohibited except in scientific publications for researchers, research or health professionals.

The delivery of narcotic drugs and psychotropic substance for advertisement purpose is prohibited.

Article 21: Publicité des stupéfiants et des substances psychotropes

Toute publicité des stupéfiants et des substances psychotropes est interdite sauf dans les publications scientifiques destinées aux chercheurs, à la recherche ou aux professionnels de la santé.

La délivrance des stupéfiants et des substances psychotropes aux fins publicitaires est interdite.

Ingingo ya 22: Isenywa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo

Isenywa ry' ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nkabyo byashaje cyangwa byarengeje igihe rikorwa hakurikijwe uburyo bwateganyijwe n'amategeko.

Article 22: Destruction of narcotic drugs and psychotropic substances

The destruction of narcotic drugs and psychotropic substances spoilt or expired shall be carried out as prescribed for by the law.

Article 22: Destruction des stupéfiants et des substances psychotropes

La destruction des stupéfiants et substances psychotropes avariés ou périmés est effectuée selon les procédures prévues par la loi.

UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 23: Abemerewe gukora ibijyanye n'ibiyobyabwenge.

Ibigo byigenga n'ibigo bya Leta byemerewe gukora ibijyanye n'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo irebwa n'iri tegeko bigomba gushyikiriza Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ibi bikurikira:

1º raporo y'igihembwe igaragaza igipimo cya buri muti na buri miti yoherejwe hanze cyangwa yatumijwe hagaragazwa n'igihugu yoherejwemo cyangwa yaturutsemo mu gihe kitarengeje iminsi cumi n'itanu (15) nyuma ya buri gihembwe;

2º raporo y'umwaka urangiye bitarenze kuwa 30 Kamena wa buri mwaka igaragaza:

a) igipimo cya buri rusobe rw'imiti yakozwe cyangwa yatunganyijwe;

b) igipimo cya buri rusobe rw'imiti rwakoreshejwe mu ikorwa ry'imiti;

c) igipimo cya buri rusobe rw'imiti n'icya buri muti cyatanzwe bigurishijwe, byatanzwe ku

CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 23: Authorised transactions on Narcotic drugs

Private and public institutions authorized to carry out transactions on narcotic drugs and psychotropic substances under this law shall submit to the Minister in charge of health, the following documents:

1º a quarterly report indicating quantities of each substance and substances imported or exported with an indication of the exporting country and the country of destination, not later than fifteen days (15) after the end of the quarter;

2º a report for the previous year, not later than the 30th of June of each year, indicating:

a) quantity of each substance manufactured or produced;

b) quantity of each substance used in the manufacturing;

c) quantity of each substance and each preparation provided for sale, for medical or scientific

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 23: Opérations autorisées sur les stupéfiants

Les établissements privés et publics autorisés à effectuer des opérations portant sur les stupéfiants et substances psychotropes visés par la présente loi doivent transmettre au Ministre ayant la santé dans ses attributions les documents suivants:

1º un rapport trimestriel indiquant les quantités de chaque substance ou des substances importées ou exportées avec une indication du pays expéditeur et du pays destinataire dans un délai ne dépassant pas quinze jours (15) après la fin du trimestre;

2º un rapport de l'année précédente, au plus tard le 30 juin de chaque année, indiquant:

a) la quantité de chaque substance fabriquée ou produite;

b) la quantité de chaque substance utilisée pour la fabrication;

c) la quantité de chaque substance et de chaque préparation fournie pour la

mpamvu y'ubushakashatsi bw'ubuvuzi cyangwa bw'ubuhanga, cyangwa kwigisha;

d) igipimo cya buri rusobe rw'imiti iri mu bubiko kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka urebwa na raporo;

e) igipimo cya buri rusobe rw'imiti ikenewe mu mwaka.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, risaba ibigo kumugezaho raporo hagati mu mwaka iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 24: Ikumirwa ry'ibinyobwa bitemewe

Ikinyobwa cyose kirengeje igipimo cya mirongo ine na gatanu ku ijana (45%) bya alukoro n'ikindi cyose kitujuje ibyangombwa byo kuba cyanyobwa, gifatwa nk'ikiyobyabwenge.

Ingingo ya 25: Ibindi bifatwa nk'ibiyobyabwenge

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena urutonde rw'ibinyobwa n'ibindi byose bitemewe bifatwa nk'ibiyobyabwenge.

research or for teaching purpose;

d) quantity of each substance in the store on 31st December of each annual report;

e) quantity of each substance needed for the year.

An Order of the Minister in charge of health may, if need be, request the institutions to submit their report, in the course of the year.

Article 24: Prohibition of unauthorized drinks

Any drink that exceeds forty five per cent (45%) of alcohol and any other drink which does not have the required quality for consumption shall be considered as Narcotic drug.

Article 25: Other substances considered as narcotic drugs

An Order of the Minister in charge of health shall determine the list of drinks and other unauthorized substances that are considered as narcotic drugs.

vente, pour la recherche médicale ou scientifique, ou pour l'enseignement;

d) la quantité de chaque substance en stock au 31 décembre de l'année du rapport;

e) la quantité de chaque substance jugée nécessaire pour l'année.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions peut, si nécessaire, exiger aux établissements de lui faire parvenir leur rapport au cours de l'année.

Article 24: Interdiction des boissons non autorisées

Sera considérée comme stupéfiant toute boisson dépassant un degré d'alcool de quarante cinq pour cent (45%) et toute autre boisson n'ayant pas de qualité requise pour la consommation.

Article 25: Autres substances considérées comme stupéfiants

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions établit la liste des boissons et autres substances non autorisées qui sont considérées comme stupéfiants.

Ingingo 26: Komite ihuriweho na za Minisiteri

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho kandi rikagena imiterere n'imikorere bya Komite ihuriweho na za Minisiteri zishinzwe kugena, gukurikirana no kugenzura imirongo ngenderwaho ya politiki yo kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo ritemewe n'amategeko.

Ingingo ya 27: Ibihano

Umuntu wese ukoresha mu buryo butemewe ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nkabyo, ahanishwa ibihano biteganywa n'Igitabo cy'Amategeko Ahana.

Ingingo ya 28: Igihe cy'inzibacyuho

Ibigo byigenga bibyemerewe, ibigo bya Leta byatoranijwe cyangwa umuntu ku giti cye wemerewe gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu rwego rw'ubuvuzi, bahawe iminsi mirongo cyenda (90) uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo bibe bimaze kuzuza ibisabwa n'iri tegeko.

Ingingo ya 29: Itegurwa,isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 26: Inter-ministerial Committee

A Prime Minister's Order shall establish and determine the organisation and functioning of the inter-ministerial Committee in charge of defining, monitoring and evaluation of the main guidelines of the policy of fighting illicit use of narcotic drugs and psychotropic substances.

Article 27: Penalties

Any person who illegally uses narcotic drugs and psychotropic substances shall be liable to penalties provided for in the penal code.

Article 28: Transitional period

Authorized private institutions, designated public institutions or a natural person authorized to use narcotic drugs and psychotropic substances for medical purpose, shall have ninety (90) days from the date of the publication of this law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, to comply with its provisions.

Article 29: Drafting, consideration and adoption of this law

This law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 26: Comité interministériel

Un arrêté du Premier Ministre crée et détermine l'organisation et le fonctionnement du Comité interministériel chargé de la définition, du suivi et de l'évaluation des grandes lignes de la politique de lutte contre l'utilisation illicite des stupéfiants et des substances psychotropes.

Article 27: Peines

Toute personne qui utilise illégalement les stupéfiants et les substances psychotropes est passible des peines prévues par le code pénal.

Article 28 : Période transitoire

Les établissements privés autorisés, les établissements publics désignés ou toute personne physique autorisée à utiliser les stupéfiants et les substances psychotropes à des fins médicales disposent d'une période de quatre vingt dix jours (90) à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer à ses dispositions.

Article 29: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Français, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 31: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **15/02/2012**

Article 30: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this law are repealed.

Article 31: Commencement

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **15/02/2012**

Article 30: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 31: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **15/02/2012**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w' Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°04/2012 RYO KUWA 17/02/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA

LAW N°04/2012 OF 17/02/2012 GOVERNING THE ORGANISATION AND THE FUNCTIONING OF NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS

LOI N°04/2012 DU 17/02/2012 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS NON-GOUVERNEMENTALES NATIONALES

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ibyiciro by'imiryango nyarwanda itari iya Leta

Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi

Ingingo ya 5: Ishingwa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta no kuba umunyamuryango

Ingingo ya 6: Ibikubiye mu mategeko agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta

Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo kuva mu muryango nyarwanda utari uwa Leta

Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo umuntu

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Categories of national non-governmental organisations

Article 4: Freedom of dealing in commercial activities

Article 5: Establishment and membership of a national non-governmental organisation

Article 6: Content of the statutes of a national non-governmental organisation

Article 7: Right to withdraw from a national non-governmental organisation

Article 8: Requirements for becoming a

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Catégories des organisations non-gouvernementales nationales

Article 4: Liberté d'exercer les activités commerciales

Article 5: Création et adhésion à une organisation non-gouvernementale nationale

Article 6: Contenu des statuts d'une organisation non-gouvernementale nationale

Article 7: Droit de se retirer d'une organisation non-gouvernementale nationale

Article 8: Conditions pour être représentant

ahagararire umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y'amategeko	**legal representative of a national non-governmental organisation**	**légal d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 9: Urwego rukuru rw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 9: Supreme organ of a national non-governmental organization**	**Article 9: Organe suprême d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 10: Ubwisanzure bw'imiryango nyarwanda itari iya Leta	**Article 10: Autonomy of national non-governmental organisations**	**Article 10: Autonomie des organisations non-gouvernementales nationales**
Ingingo ya 11: Ubufatanye bugamije iterambere	**Article 11: Partnership for development**	**Article 11: Partenariat pour le développement**
Ingingo ya 12: Inkunga y'umutungo itangwa na Leta	**Article 12: Financial support from the Government**	**Article 12: Appui financier du Gouvernement**
Ingingo ya 13: Ibyo umuryango nyarwanda utari uwa Leta ubujijwe mu mikorere yawo	**Article 13: Restrictions in the functioning of a national non-governmental organization**	**Article 13: Restrictions dans le fonctionnement d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 14: Inkomoko y'umutungo itemewe n'amategeko	**Article 14: Unlawful sources of property**	**Article 14: Sources illégales du patrimoine**
UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA NO GUSABA UBUZIMAGATOZI	**CHAPTER II: REGISTRATION AND APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY**	**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET DEMANDE DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE**
Ingingo ya 15: Gusaba kwandikwa no gusaba ubuzimagatozi	**Article 15: Application for registration and legal personality**	**Article 15: Demande d'enregistrement et de la personnalité juridique**
Ingingo ya 16: Urwego rushinzwe kwandika imiryango nyarwanda itari iya Leta, kuyiha ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere yayo	**Article 16: Authority in charge of registering, granting the legal personality and monitoring of the functioning of national non-governmental organisations**	**Article 16: Organe chargé de l'enregistrement, de l'octroi de la personnalité juridique et du suivi du fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales**

Ingingo ya 17: Icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe	**Article 17: Temporary certificate of registration of a national non-governmental organisation**	**Article 17: Certificat temporaire d'enregistrement d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 18: Ibisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe	**Article 18: Requirements for a temporary certificate of registration for a national non-governmental organisation**	**Article 18: Conditions d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 19: Kudatanga icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe	**Article 19: Refusal to issue a temporary certificate of registration to a national non-governmental organization**	**Article 19: Refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 20: Impamvu zo kudatanga icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe	**Article 20: Reasons for refusal to issue a temporary certificate of registration to a national non-governmental organisation**	**Article 20: Motifs de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 21: Kuregera icyemezo cyo kwangirwa icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe	**Article 21: Filing a case against the decision of refusal to issue a temporary certificate of registration to a national non-governmental organization**	**Article 21: Recours contre la décision de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 22: Gusaba ubuzimagatozi	**Article 22: Application for legal personality**	**Article 22: Demande de la personnalité juridique**
Ingingo ya 23: Kudatanga ubuzimagatozi	**Article 23: Refusal to grant legal personality**	**Article 23: Refus d'octroi de la personnalité juridique**
Ingingo ya 24: Impamvu zo kudatanga ubuzimagatozi	**Article 24: Reasons for refusal to grant legal personality**	**Article 24: Motifs de refus d'octroi de la personnalité juridique**
Ingingo ya 25: Kuregera icyemezo cyo kwangirwa ubuzimagatozi	**Article 25: Filing a case against the decision of refusal to grant the legal personality**	**Article 25: Recours contre la décision de refus d'octroi de la personnalité juridique**

Ingingo ya 26: Itangazwa ry'icyemezo cy'ubuzimagatozi n'amategeko agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 26: Publication of the decision granting legal personality and the statutes of a national non-governmental organisation**	**Article 26: Publication de la décision d'octroi de la personnalité juridique et des statuts d'une organisation non-gouvernementale nationale**
UMUTWE WA III: GUKEMURA AMAKIMBIRANE	**CHAPTER III: CONFLICT RESOLUTION**	**CHAPITRE III: RESOLUTION DES CONFLITS**
Ingingo ya 27: Gukemura amakimbirane	**Article 27: Conflict Resolution**	**Article 27: Résolution des conflits**
UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA	**CHAPTER IV: RIGHTS AND RESPONSIBILITIES OF A NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATION**	**CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS D'UNE ORGANISATION NON-GOUVERNEMENTALE NATIONALE**
Ingingo ya 28: Uburenganzira bw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 28: Rights of a national non-governmental organisation**	**Article 28: Droits d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 29: Inshingano z'umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 29: Responsibilities of a national non-governmental organisation**	**Article 29: Obligations d'une organisation non-gouvernementale nationale**
UMUTWE WA V: GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA	**CHAPTER V: MONITORING OF FUNCTIONING OF NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS**	**CHAPITRE V: SUIVI DU FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS NON-GOUVERNEMENTALE NATIONALES**
Ingingo ya 30: Igenzura ry'ibikorwa	**Article 30: Supervision of activities**	**Article 30: Contrôle des activités**
Ingingo ya 31: Kwihanangirizwa k'umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 31: Warning to a national non-governmental organisation**	**Article 31: Mise en garde d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 32: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 32: Temporary suspension of a national non-governmental organisation**	**Article 32: Suspension temporaire d'une organisation non-gouvernementale nationale**

Ingingo ya 33: Ihagarikwa rya burundu ry'ibikorwa by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta	**Article 33: Final suspension of a national non-governmental organisation**	**Article 33: Suspension définitive d'une organisation non-gouvernementale nationale**
UMUTWE WA VI: ISESWA RY'UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA	**CHAPTER VI: DISSOLUTION OF A NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATION**	**CHAPITRE VI: DISSOLUTION D'UNE ORGANISATION NON GOUVERNEMENTELE NATIONALE**
Ingingo ya 34: Iseswa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta rikozwe n'urwego rwawo rukuru	**Article 34: Dissolution of a national non-governmental organisation by its supreme organ**	**Article 34: Dissolution d'une organisation non-gouvernementele nationale par son organe suprême**
Ingingo ya 35: Iseswa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta rikozwe n'urukiko	**Article 35: Judicial dissolution of a national non-governmental organisation**	**Article 35: Dissolution judiciaire d'une organisation non-gouvernementale nationale**
Ingingo ya 36: Umutungo w'umuryango nyarwanda utari uwa Leta washeshwe	**Article 36: Property of a dissolved national non-governmental organisation**	**Article 36: Patrimoine d'une organisation non-gouvernementale nationale après dissolution**
UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 37: Amasezerano y'ubufatanye	**Article 37: Partnership agreements**	**Article 37: Accords de partenariat**
Ingingo ya 38: Ibiganiro mu nama z'inteko rusange	**Article 38: Debates in meetings of the General Assembly**	**Article 38: Débats dans les réunions de l'assemblée générale**
Ingingo ya 39: Guhuza imikorere n'amategeko agenga imiryango nyarwanda itari iya Leta n'iri tegeko	**Article 39: Harmonizing functioning and statutes of national non-governmental organisations with this Law**	**Article 39: Conformité des statuts et du fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales à la présente loi**
Ingingo ya 40: Kudasaba ubuzimagatozi	**Article 40: Non re-application for legal**	**Article 40: Non renouvellement de la**

bundi bushya	**personality**	**demande de la personnalité juridique**
Ingingo ya 41: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 41: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 41: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 42: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 42: Repealing provision**	**Article 42: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 43: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 43: Commencement**	**Article 43: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°04/2012 RYO KUWA 17/02/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA

LAW N°04/2012 OF 17/02/2012 GOVERNING THE ORGANISATION AND THE FUNCTIONING OF NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS

LOI N°04/2012 DU 17/02/2012 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS NON-GOUVERNEMENTALES NATIONALES

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 30 Nzeri 2011;

The Chamber of Deputies, in its session of 30 September 2011;

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 septembre 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 28 Nzeri 2011;

The Senate, in its session of 28 September 2011;

Le Sénat, en sa séance du 28 septembre 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 11, iya 33, iya 35, iya 36, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93 95, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga

Pursuant to the International Covenant on Civil

Vu le Pacte international relatif aux droits

yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966, cyane cyane mu ngingo yayo ya 22, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

and Political Rights of 16 December 1966, especially in article 22, ratified by the Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

civils et politiques du 16 décembre 1966, spécialement en son article 22, ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, mu mibereho myiza no mu muco yo kuwa 16 Ukuboza 1966 yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/05/1975;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966 ratified by the Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano nyafurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981, cyane cyane mu ngingo yayo ya 10, yemejwe n'Itegeko n° 10/83 ryo ku wa 17/05/1983;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981, especially in Article 10, ratified by the Law n° 10/83 of 17/05/1983;

Vu la Charte africaine des droits de l'homme et des peuples du 27 juin 1981, spécialement en son article 10, ratifié par la Loi n° 10/83 du 17/05/1983;

Isubiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu;

Having reviewed Law nº 20/2000 of 26/07/2000 relating to non profit making Organizations;

Revu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE

<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS

<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo itegeko rigamije

<u>Article One:</u> Purpose of this Law

<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

This Law governs the organisation and functioning of national non-governmental organizations.

La présente loi régit l'organisation et le fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales.

Iri tegeko rigamije by'umwihariko kugenga imiryango nyarwanda itari iya Leta iharanira inyungu rusange. Andi mashyirahamwe ayo ari yo yose adakurikiza ibisobanuro by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta ntagengwa n'iri tegeko.

This Law particularly governs national non-governmental organizations that promote public interest. It shall not apply to any other associations that are not defined as national non-governmental organizations.

La présente loi a particulièrement pour objet de régir les organisations non-gouvernementales nationales œuvrant pour l'intérêt général. Elle ne s'applique pas à toutes les autres formes d'associations qui ne sont pas définies comme étant des organisations non-gouvernementales nationales.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

